Umuntu wese uhawe uruhushya rwo mu rwego rw'Igihugu agomba gukurikiza ibiteganywa n'iri tegeko.

Any holder of a national licence must comply with the provisions of this Law.

Tout détenteur d'une licence nationale doit respecter les dispositions de la présente loi.

Nta muntu wemerewe gukora igikorwa cy'imikino y'amahirwe cyangwa ngo abiyitirire atabihereye uruhushya.

No person shall carry out a gaming activity or hold himself/herself out as carrying out a gaming activity unless he/she is duly authorised.

Personne ne peut exploiter des activités de jeux de hasard ni se comporter comme menant de telle activités que si elle en est autorisée.

Nta muntu ukora nk'uhagarariye ufite uruhushya cyangwa umuntu ukora ibikorwa by'imikino y'amahirwe cyangwa umurimo werekeye imikino y'amahirwe keretse abihereye uburenganzira n'uwahawe uruhushya.

No person shall act as a representative of a licence holder or any gaming business unless he or she is duly authorized by a licence holder.

Personne ne peut agir comme représentant du détenteur de licence ou d'une personne qui exploite les activités de jeux de hasard à moins d'être dûment autorisée par le détenteur de licence.

Ingingo ya 8: Gusaba guhabwa uruhushya rwo mu rwego rw'Igihugu no kongerasha igihe

Article 8: Application for national licence and renewal

Article 8: Demande d'une licence nationale et son renouvellement

Usaba uruhushya agomba kwandikira urwego ngenzuramikorere iyo ashaka uruhushya cyangwa kongerasha igihe nkukora, uzana ibikenewe, ukoresha cyangwa utanga serivisi yo gutunganya ibintu.

The applicant for a licence must apply to the regulatory authority if he/she seeks a licence, or to renew a licence as a manufacturer, supplier, operator or maintenance provider.

Le demandeur de licence doit soumettre sa demande à l'autorité de régulation en cas de demande de licence ou de renouvellement de licence de fabricant, de fournisseur, d'opérateur ou de fournisseur de services de maintenance.

Usaba uruhushya rwo mu rwego rw'Igihugu agomba gusaba mu buryo fiuko byagenwe, kandi akishyura amafaranga yagenwe yo gusaba urwo ruhushya.

The applicant for a national licence must apply in the prescribed manner and form, and pay the prescribed application fees.

Le demandeur de licence nationale doit faire la demande suivant la forme et la manière prescrites et payer les frais requis.

Rukimara kwakira isaba r'uruhushya rwo mu rwego rw'Igihugu, Urwego ngenzuramikorere, rugomba:

Upon receipt of an application for a national licence, the regulatory authority must:

Dès la réception d'une demande de licence nationale, l'autorité de régulation doit:

1° gukora iperereza riteganywa n'iri tegeko hagamijwe kureba imikorere myiza, ubushobozi mu bya tekini n'ubushobozi bw'inganda bwo guhangana ku isoko n'ibindi biteganywa n'itegeko;

1° conduct the investigations provided for by this Law with respect to probity, technical competence, industry competitiveness and any other legal requirements;

1° mener des enquêtes prescrites par la présente loi en vue de s'assurer de la probité, la compétence technique, la concurrence industrielle et de toutes autres exigences de la loi;

2° kumva usaba cyangwa ukora ibindi byose biteganywa birebana n'isaba cyangwa gusaba ko iyi nshingano ikorwa na Komite Ngishwanama y'imikino y'amahirwe;

2° hearing the applicant or any other person complying with proceedings in respect to the application or delegate this task to the Consultative Gaming Committee;

2° entendre le demandeur ou toute personne qui intervient dans la procédure de demande ou déléguer cette tâche au Comité Consultatif des jeux de hasard ;

3° guhuza ibikorwa n'inzego z'ibanze igihe bikenewe.

3° coordinate with local administration when applicable.

3° assurer la coordination avec des entités locales, le cas échéant.

Ingingo ya 9: Gutanga cyangwa kwimana uruhushya rwo mu rwego rw'Igihugu

Iyo rumaze gukora ibiteganywa mu ngingo ya 8 y'iri tegeko, urwego ngenzuramikorere rumenyeshya mu nyandiko :

- 1° uwasabye na buri rwego bireba mu buryo bwagenwe ko ruteganya gutanga uruhushya nk'uko rwasabwe, hamwe n'ibishingirwaho ibyo ari byo byose by'urwo ruhushya;
- 2° uwasabye ko rutemeye gutanga uruhushya rwasabwe hamwe n'impamvu z'uko kwanga.

Ingingo ya 10: Igihe uruhushya rumara

Uruhushya rwose rutanzwe hashingiwe kuri iri tegeko rufite agaciro k'igihe kitari muni y'imyaka icumi (10) gishobora kongerwa.

Iyo uruhushya rurangije igihe cyagenwe, uwaruhawe asabwa gusubira mu nzira zose buzaza kugira ngo ahabwe urundi ruhushya rushya.

Ingingo ya 11: Isubirwamo ry'ukutemera gutanga uruhushya rwo mu rwego rw'Igihugu

Uwasabye uruhushya akarwimwa ashobora gusaba isubirwamo ry'uwo mwanzuro ageza inyandiko ibisaba ku rwego ngenzuramikorere mu gihe cyagenwe.

Article 9: Grant or refusal to grant a national licence

Upon completion of the requirements of Article 8 of this Law, the regulatory authority must notify in writing:

- 1° the applicant and every other relevant authority as prescribed that it proposes to issue the licence as applied for, and specifies any relating conditions;
- 2° the applicant that it refuses to grant the licence applied for with reasons for such refusal.

Article 10: Validity of the licence

Licence issued under this Law shall be valid for a period of not less than ten (10) years renewable.

In case of the expiry of the validity period of a licence, the holder shall go through the same procedure to get a new one.

Article 11: Review of refusal to grant a national licence

The applicant who has been refused a licence may request a review of that decision by submitting an application period to the regulatory authority within a specified time.

Article 9: Octroi ou refus d'octroi de licence nationale

A la conclusion des procédures prescrites à l'article 8 de la présente loi, l'autorité de régulation notifie par écrit:

- 1° le demandeur et toute autre autorité concernée tel que prescrit qu'elle a l'intention d'octroyer la licence demandée et spécifie toutes les conditions y relatives;
- 2° le demandeur qu'elle refuse de lui accorder la licence en spécifiant les motifs de ce refus.

Article 10: Validité de la licence

Toute licence octroyée en vertu de la présente loi est valide pour une période d'au moins dix (10) ans renouvelable.

En cas d'expiration de la période de validité d'une licence, le détenteur doit suivre la même procédure qu'avant pour avoir une autre.

Article 11: Révision du refus d'accorder une licence nationale

Le demandeur dont la licence a été refusée peut demander la révision de cette décision en soumettant sa demande à l'autorité de régulation endéans une période déterminée.

Ingingo ya 12: Ihagarikwa cyangwa ivanwaho ry'uruhushya rwo mu rwego rw'Igihugu

Article 12: Suspension or revocation of a national licence

Article 12: Suspension ou révocation d'une licence nationale

Urwego ngenzuramikorere rushobora guhagarika cyangwa kuvanaho uruhushya rwo mu rwego rw'Igihugu iyo:

The regulatory authority may suspend or revoke a national licence if:

L'autorité de régulation peut suspendre ou révoquer une licence nationale si:

- 1° uruhushya rwabonywe biturutse ku bintu by'ibihimbano bigaragara cyangwa ku buryo bubeshya;
- 2° uwaruhawe yambuwe uburenganzira bwo kurutunga;
- 3° uwaruhawe atubahirije iri tegeko;
- 4° uwaruhawe atubahirije ibisabwa ufite uruhushya;
- 5° uwaruhawe yananiwe kuzuzwa ibisabwa byerekeye imari bijyana n'ibikorwa;
- 6° uwaruhawe yagiye mu bikorwa by'isoko bibujijwe byaturuka ku mwanya we ugaragara afite ku isoko cyangwa afatanyije n'undi ufite uruhushya mu rwego rwo kubuza iyinjira ry'indi sosiyeti mu murimo cyangwa hakoreshejwe mu buryo budahwitse ukwishyira hamwe kwabo kugira ngo biganze ku isoko.

- 1° the licence was obtained by a materially false or misleading representation;
- 2° the holder has been disqualified to hold a licence;
- 3° the holder has violated this Law;
- 4° the holder has contravened the required conditions;
- 5° the holder has failed to discharge financial commitments for the operations;
- 6° the holder has engaged in prohibited market practices either arising out of its dominant market position or colluding with another licence holder to restrict entry of another company in the business or to unfairly exploit their joint dominance in the market.

- 1° la licence a été obtenue sur base d'une représentation fautive ou trompeuse;
- 2° le détenteur a été déchu du droit de détention de licence;
- 3° le détenteur a violé les dispositions de la présente loi;
- 4° le détenteur a violé les conditions lui exigées;
- 5° le détenteur n'a pas pu avoir les moyens financiers pour mener ses activités;
- 6° le détenteur est impliqué dans des pratiques interdites sur le marché soit suite à sa position dominante sur le marché ou agissant en cartel avec un autre détenteur de licence pour restreindre l'entrée sur le marché d'une autre société ou pour exploiter de façon déloyale leur position dominante sur le marché.

Iyo urwego ngenzuramikorere rusanze impamvu nshingirwaho zihari kugira ngo uruhushya rwatanzwe ruhagarikwe cyangwa rukurweho:

Where the regulatory authority is satisfied that grounds exist for the revocation or suspension of the licence granted it shall:

Lorsque l'autorité de régulation est convaincue de l'existence des raisons de révocation ou de suspension de la licence accordée:

<p>1° rumenyeshya mu nyandiko uwahawe uruhushya ko izo mpamvu zihari;</p> <p>2° ruhamagarira uwahawe uruhushya gutanga mu minsi cumi n'ine y'akazi (14) amaze kubimenyeshwa impamvu uruhushya rutavanwaho, atabikora uruhushya rugatakaza agaciro.</p>	<p>1° notify in writing, the licence holder of the existence of such grounds;</p> <p>2° call upon the licence holder to provide within fourteen (14) working days of the serving of that notice reasons as to why the licence should not be revoked, failing which the licence will cease to be valid.</p>	<p>1° elle notifie par écrit le détenteur de licence de l'existence de telles raisons;</p> <p>2° elle invite le détenteur de licence à donner, endéans quatorze (14) jours ouvrables à compter de la réception de la notification, des raisons justifiant la non-révocation de la licence, à défaut de quoi la licence perd sa validité.</p>
<p>Iyo impamvu žuko uruhushya rudakwiriye guhagarikwa cyangwa kuvanwaho zitanzwe n'uhawuhawe, urwego ngenzuramikorere rumaze kwiga kuri izo mpamvu:</p>	<p>If reasons are furnished by the licence holder as to why the licence should not be revoked or suspended, the regulatory authority after considering such reasons shall:</p>	<p>Lorsque les raisons justifiant la non suspension ou la non-révocation de la licence sont fournies par le détenteur, l'autorité de régulation, après examen de ces raisons:</p>
<p>1° rwemeza niba ruvanaho cyangwa rutavanaho uruhushya;</p> <p>2° ruhamagarira uwaruhawe kurwitaba ku itariki yihariye kugira ngo agaragaze mu magambo ashimangira ibyagaragajwe ibyo aribyo byose mu nyandiko;</p> <p>3° ruvanaho uruhushya rukanabimenyeshya uwaruhawe n'ishingiro ry'iryo vanwaho n'itariki ivanwaho ritangiriraho kubahirizwa.</p>	<p>1° decide whether or not to revoke the licence;</p> <p>2° call upon the licence holder to appear before it on a specific date for oral representations in support of any written representations;</p> <p>3° revoke the licence and notify the holder and the grounds for the revocation as well as the date on which it shall take effect.</p>	<p>1° décide de la révocation ou de la non-révocation de la licence;</p> <p>2° invite le détenteur de licence à se présenter devant elle à une date donnée pour être entendu sur la justification de ses dépositions écrites;</p> <p>3° révoque la licence et en notifie le détenteur en précisant les motifs de la révocation et la date de sa prise d'effet.</p>
<p>Uruhushya rufatwa kandi ko rwakuweho mu gihe uwaruhawe ku giti cye apfuye cyangwa ari isosiyete yaruhawe yasheshwe.</p>	<p>A licence shall be deemed to be revoked in case of death when the holder is a natural person or dissolution if the holder is a corporate.</p>	<p>Une licence est présumée être révoquée en cas de décès si le détenteur est une personne physique ou de dissolution si le détenteur est une personne morale.</p>
<p>Iyo habayeho guhagarika cyangwa kuvanaho uruhushya kubera inyungu rusange ž'Igihugu kandi bimaze kwemezwa na Komite Ngishwanama y'imikino y'amahirwe, uwahawe uruhushya</p>	<p>Where a licence is revoked or suspended on the basis of the public interest and upon approval by the Consultative Gaming Committee, the holder shall receive an equitable compensation.</p>	<p>Lorsqu'une licence est suspendue ou révoquée pour cause d'intérêt public et sur approbation du Comité Consultatif des jeux de hasard, le détenteur reçoit une juste compensation.</p>

ahabwa indishyi ikwiye.

Iteka rya Minisitiri ufite imikino y'amahirwe mu nshingano ze rigena ibigenderwaho mu kugena indishyi ikwiye.

An Order of the Minister in charge of gaming must specify the criteria for the determination of the fair compensation.

Un arrêté du Ministre ayant les jeux de hasard dans ses attributions fixe les critères de déterminations de la juste indemnisation.

Ingingo ya 13: Ibyiciro by'impushya n'amafaranga yishyurwa

Article 13: Categories of licences and related fees

Article 13: Catégories de licences et frais y relatifs

Impushya zitangwa ziri mu byiciro bikurikira:

The types of the licence which shall be issued are in the following categories:

Les types de licences à octroyer sont dans les catégories suivantes:

Icyiciro A: Tombola

Category A: Lottery

Catégorie A: Loterie

Uru ruhushya rwemerera uruhawe gukora ibikorwa by'imikino y'amahirwe bijyanye na tombola ku rwego rw'Igihugu.

This licence grants the holder to carry out gaming activities related to the national lottery.

Cette licence donne à son détenteur l'autorisation de mener des activités des jeux de loterie au niveau national.

Icyiciro B: Imikino y'amahirwe ikorerwa muri Kazino

Category B: Casino

Catégorie B: Casino

Uru ruhushya rwemerera uruhawe gukora cyangwa kugeza ku bantu cyangwa gukina amoko yose y'ibikorwa by'imikino y'amahirwe ikorerwa muri kazino.

This licence grants the holder to carry out or make available or to play all forms of gaming activities in casino.

Cette licence donne à son détenteur l'autorisation d'exploiter ou de rendre disponible ou de jouer toutes les formes d'activités de jeux de hasard qui se font dans le casino.

Icyiciro C: Ahakorerwa n'imashini y'imikino y'amahirwe

Category C: Gaming machines facility

Catégorie C: Terminaux des machines de jeux de hasard

Uru ruhushya rwemerera uruhawe gukora ibikorwa cyangwa kugeza ku bantu bakina imikino y'amahirwe ikoresha imashini y'ibiceri kandi hakubiyemo ahantu hatangirwa serivisi zijyana n'imikino y'amahirwe, ariko hatarimo imikino yo ku meza ikinwa muri kazino.

This licence grants the holder to carry out activities or make available for play slot machine including the premises where services ancillary to the gaming are provided, but does not include table games in casino.

Cette licence donne au détenteur l'autorisation d'exploiter des activités ou de rendre disponibles des machines à sous y compris les lieux où les services accessoires aux jeux de hasard sont fournis, à l'exclusion des jeux de table de casino.

Icyiciro D: Imikino yo gutega

Uru ruhushya rwemerera uruhawe gukora imikino yo gutega, kandi harimo ahantu hatangirwa serivisi zunganira imikino y'amahirwe, ariko hatarimo imikino y'amahirwe yo muri Kazino fiimikino y'amahirwe ikorehwa imashini y'ibiceri.

Icyiciro E: Imikino y'amahirwe yo kuri interineti

Uru ruhushya rwemerera uruhawe gukoreha no kugeza ku bantu bakina imikino y'amahirwe yo kuri interineti ku mbuga zikorabuhanga zemewe gukorehwa mu Rwanda.

Iteka rya Minisitiri ufite imikino y'amahirwe mu nshingano ze rishobora kugena andi moko y'impushya n'icyiciro cyazo. Rigena kandi amafaranga asabwa hakurikije icyiciro cy'uruhushya.

Ingingo ya 14: Ibibazo byerekeye ihiganwa

Mu gihe cy'isaba ry'uruhushya cyangwa igihe cy'isaba ry'iherekanya ry'uruhushya, urwego rutanga impushya rugomba kureba niba kwemeza isaba bishobora kugira ingaruka zigaragara ku ipiganwa mu murimo werekeye imikino y'amahirwe muri rusange, cyangwa mu birebana n'igikorwa giteganwa mu Gihugu.

Urwego rutanga impushya rushobora kwanga isaba keretse hari impamvu zikomeye zinyungu za rubanda zituma ryemerwa, iyo bigaragara ko

Category D: Sport Books

This licence grants the holder to carry out activities related to Sport books including the premises where services ancillary to the gaming are provided, but does not include casino and slot machines.

Category E: Internet gaming

This licence grants the holder to carry out and to make available for play gaming downloaded on the internet and on any authorised network in Rwanda.

An Order of the Minister in charge of gaming may determine other types of licences and their categories. The Order shall also specify fees applicable to each category of licences.

Article 14: Competition issues

When applying for a licence or for the transfer of a licence, the licensing authority must consider whether approving the application is likely to substantially affect competition in the gaming industry generally, or in respect of the proposed activity within the Country.

The licensing authority may refuse the application unless there are overriding public interests for approving it, if it appears that approving the

Catégorie D: Paris sportifs

Cette licence donne au détenteur l'autorisation d'exploiter des activités relatives aux paris sportifs y compris les lieux où les services accessoires aux jeux de hasard sont fournis, à l'exclusion des jeux de casino et des machines à sous.

Category E: Jeux d'internet

Cette catégorie de licence donne au détenteur l'autorisation d'exploiter et de rendre disponibles les jeux téléchargés au profit des joueurs sur les réseaux d'internet opérant au Rwanda.

Un arrêté du Ministre ayant les jeux de hasard dans ses attributions peut déterminer d'autres types de licences et leurs catégories. Il fixe également les frais correspondant à chaque catégorie de licences.

Article 14: Problèmes en rapport avec la compétition

Lors de la demande d'une licence ou de transfert d'une licence, l'autorité d'octroi des licences doit vérifier que l'octroi de licence peut affecter de façon substantielle l'industrie des jeux de hasard en général ou l'activité proposée sur le territoire national en particulier.

L'autorité d'octroi de licences peut refuser la demande à moins qu'il y ait une raison d'ordre public qui l'amènent à l'approuver, s'il apparaît

kwemera isaba bishobora gutuma usaba wenyine cyangwa mu bufatanye fumuntu bafitanye isano, abona ubushobozi ku isoko bushobora kuvamo imikorere ibujijwe ku isoko.

application would result in the applicant, alone or in conjunction with a related person, achieving market power that may result in prohibited market practices.

que l'acceptation de la demande conduirait le demandeur, seul ou avec un autre associé qui lui est apparenté, à avoir un pouvoir sur le marché qui résulterait en des pratiques interdites sur le marché.

Ingingo ya 15: Ihererekanya ry'uruhushya

Article 15: Licence transfers

Article 15: Transferts de licence

Uwahawe uruhushya afite uburenganzira bwo kuruherekanya igihe abisabye kandi bikemerwa n'urwego rutanga impushya. Uwifuza kugura ibikorwa by'imikino y'amahirwe by'usanganywe uruhushya byose cyangwa igice cyabyo agomba kubisaba urwego rutanga impushya.

Any licence holder has the right to transfer it to someone in case his/her application for transfer is approved by the licencing authority. Any person who wishes to acquire all the gaming business to which a licence relates or part of it must apply to the licensing authority.

Le détenteur d'une licence a le droit de la transférer sur demande approuvée par l'autorité d'octroi de licences. Toute personne qui désire acquérir en totalité ou en partie les activités de jeux de hasard d'un détenteur de licence, doit en faire la demande à l'autorité d'octroi de licences.

Urwego rutanga impushya ntirugomba kwemera ihererekanya ry'uruhushya cyangwa kwemera ko umurimo w'imikino y'amahirwe ukorwa n'umuntu wambuwe uburenganzira cyangwa utujuje ibisabwa biteganywa muri iri tegeko.

The licensing authority shall not grant a transfer of a licence or authorise a person who is disqualified or who does not qualify the requirements of this Law to operate gaming activities.

L'autorité d'octroi de licence ne doit pas accepter le transfert de licence ou autoriser une personne déchue de ses droits ou qui ne remplit pas les conditions prévues par la présente loi d'exercer les activités de jeux de de hasard.

Nyuma yo gusuzuma isaba ry'uruhushya cyangwa isaba cy'ihererekanya ry'uruhushya, urwego rutanga impushya rufata umwanzuro wo kwemera cyangwa guhakana. Umwanzuro umenyeshwa uwasabye mu nyandiko hanatangwa impamvu.

After considering the application for a licence or the application for the transfer of a licence, the licensing authority shall decide on approval or refusal. The motivated decision shall be communicated to the applicant through a written notification.

Après l'examen de la demande d'une licence ou de la demande de transfert d'une licence, l'autorité d'octroi de licences décide sur l'approbation ou le refus. La décision motivée est notifiée par écrit au demandeur.

Ingingo ya 16: Ibibazo by'iterambere mu byerekeye ubukungu n'imibereho myiza

Article 16: Economic and social development issues

Article 16: Problèmes concernant le développement économique et social

Mu gihe rusuzuma isaba ry'uruhushya cyangwa isaba ryo guhererekanya impushya, urwego ngenzuramikorere:

When considering an application for a licence, or an application for the transfer of a licence, the regulatory authority:

Lors de l'examen de la demande d'une licence ou de transfert d'une licence, l'autorité de régulation:



<p>1° rugomba gusuzuma iby'usaba yiyemeje cyangwa ushaka kwimurirwaho urwo ruhushya mu rwego rwo kurwanya ibintu by'imikino y'amahirwe bimenyerewe cyangwa by'akarande no gushyigikira ibyerekeye imikino y'amahirwe ifite ubwishingane;</p>	<p>1° must consider the commitments made by the applicant or proposed transferee in relation to combating the incidence of addictive and compulsive gaming and encouraging ensured gaming;</p>	<p>1° doit tenir en considération les engagements pris par le demandeur ou le cessionnaire proposé dans le but de lutter contre le conditionnement et l'obsession en matière de jeux de hasard et d'encourager des jeux de hasard qui sont assurés;</p>
<p>2° rugomba kwita ku ngaruka zishobora kuba ku muryango mu byerekeye imibereho myiza n'ubukungu;</p>	<p>2° must consider the potential socio-economic impact on the community;</p>	<p>2° doit prendre en considération l'impact socio-économique éventuel sur la communauté;</p>
<p>3° rushobora gutegeka ibisabwa biri mu rugero kandi bisobanutse ku ruhushya rukenewe mu rwego rwo gusuzuma ibibazo byavuzwe mu gace ka 1° n'aka 2° tw'iyi ngingo;</p>	<p>3° may impose reasonable and justifiable conditions on the licence to address the matters referred to in Sub-paragraphs 1° and 2° of this Article;</p>	<p>3° peut imposer des conditions raisonnables et justifiables à l'octroi de licence dans le but de résoudre les problèmes visés aux points 1° et 2° du présent article ;</p>
<p>Nibura inshuro imwe buri mwaka, nyuma y'itangwa ry'uruhushya, Urwego ngenzuramikorere:</p>	<p>At least once every year after the issuance of a licence, the regulatory authority:</p>	<p>Au moins une fois chaque année après l'octroi de licence, l'autorité de régulation:</p>
<p>1° rugomba kongera gusuzuma ibyemejwe gukorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo n'ibyagezweho n'uwahawe uruhushya mu birebana n'ibyo yari yiyemeje;</p>	<p>1° must review the commitments referred to in Paragraph One of this Article and the achievements of the licence holder in relation to his/her commitments;</p>	<p>1° doit revoir les engagements pris en vertu de l'alinéa premier du présent article et les réalisations du détenteur de licence en rapport avec ses engagements;</p>
<p>2° rushobora gutegeka ibindi binyuranye bisabwa biri mu rugero kandi bisobanutse ku ruhushya mu rugero rwa ngombwa ngo hasuzumwe ibibazo byavuzweho mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.</p>	<p>2° may impose further or different reasonable and justifiable conditions on the licence to address the matters referred to in Paragraph One of this Article.</p>	<p>2° peut imposer d'autres conditions raisonnables et justifiables sur la licence dans le but résoudre les problèmes en rapport avec les dispositions de l'alinéa premier du présent article.</p>

UMUTWE WA IV: UMUNTU UKORESHWA MU MIRIMO YEREKEYE IMIKINO Y'AMAHIRWE

CHAPTER IV: PERSON EMPLOYED IN THE GAMING ACTIVITIES

CHAPITRE IV: PERSONNE EMPLOYEE DANS DES ACTIVITES DE JEUX DE HASARD

Ingingo ya 17: Abakozi bo mu bikorwa by'imikino y'amahirwe

Article 17: Gaming employees

Article 17: Employés de jeux de hasard

Nta muntu ushobora kwiyezeza gukora akazi ako ariko kose mu murimo werekeye imikino y'amahirwe ivugwa muri iri tegeko mu gihe uwo muntu:

- 1° ari muni y'imyaka cumi n'itandatu (16) y'amavuko;
- 2° ari umukozi wa Leta cyangwa akora umurimo wa politiki ahemberwa;
- 3° ari ku rutonde mu gitabo cy'abambuwe uburenganzira bwo gukora imikino y'amahirwe;
- 4° arebwa n'icyemezo cy'urukiko rubifitiye ububasha gihamya ko atameze neza mu mutwe;
- 5° yahamwe n'icyaha cyo kunyereza umutungo wa rubanda;
- 6° yakatiwe igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu, keretse yarahanaguweho ubusembwa cyangwa yarahawe imbabazi;
- 7° yahamwe n'icyaha cya jenocide.

Umukozi urimo akoreshwa mu byerekeye imikino y'amahirwe afatwa ko adakwiriye gukomeza umurimo iyo yambuwe uburenganzira buvugwa mu gika cya mbere (1) cy'iyi ingingo igihe icyo ari cyo cyose nyuma y'uko ahawe uwo murimo.

A person may not engage in any work within the gaming industry referred to in this Law if that person:

- 1° is under the age of sixteen (16) years;
- 2° is a public servant or political officer;
- 3° is listed on the register of excluded persons from gaming;
- 4° is subject to a decision of a competent court certifying him/her to be mentally unfit;
- 5° is convicted of embezzlement of public funds;
- 6° has been sentenced to six month imprisonment or more, unless he/she has received a grant of rehabilitation or amnesty;
- 7° is convicted of the crime of genocide.

An employee currently employed within the gaming is deemed to be unfit to continue employment if he/she becomes disqualified in accordance with Paragraph One of this Article at any time after he/she got an employment.

Personne ne peut se faire engager dans tout emploi de l'industrie des jeux de hasard prévus dans la présente loi si ladite personne:

- 1° est âgée de moins de seize (16) ans;
- 2° est un agent de l'Etat ou mandataire politique;
- 3° est sur la liste des personnes exclues des jeux de hasard;
- 4° est déclarée mentalement incapable par une juridiction compétente;
- 5° a été déclarée coupable de détournement de deniers publics;
- 6° a été condamnée à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois, à moins qu'elle ait bénéficié d'une réhabilitation ou d'une amnistie;
- 7° a été déclarée coupable de crime de génocide.

Un employé actuellement en service dans le domaine des jeux de hasard est présumé incapable de continuer le travail s'il est disqualifié en vertu de l'alinéa premier du présent article à n'importe quel moment après l'obtention du travail.

UMUTWE WA V: KWIYANDIKISHA N'IBYANDIKWA

Ingingo ya 18: Ibiranga imashini n'ibikoresho by'imikino y'amahirwe

Imashini cyangwa igikoresho cy'imikino y'amahirwe cyatumijwe mu mahanga kizanza mu Rwanda kigomba kugira nibura ibikoranga bikurikira:

- 1° izina ry'uwagikoze;
- 2° inomero yihariye y'imashini cyangwa y'igikoresho;
- 3° itariki imashini cyangwa igikoresho byakoreweho.

Nta muntu ugomba kuvanaho, guhindura, kuyoberanya, guhisha cyangwa gusenya uburyo buranga ibintu bisabwa mu bikubiye muri iyi ngingo.

Nta muntu wundi uretse ubyemerewe ugomba kwinjiza mu Gihugu imashini iyo ariyo yose cyangwa igikoresho cyerekeye imikino y'amahirwe.

Ingingo ya 19: Kumenyekanisha umutungo wanditse n'iherekanya ryawo

Uhawe uruhushya agomba kubika mu buryo bwagenwe inyandiko ya buri mashini y'imikino y'amahirwe cyangwa igikoresho cy'imikino y'amahirwe afite, acuruza cyangwa, mu bundi buryo, akwirakwiza mu Gihugu kandi agaha urwego ngenzuramikorere kopi ya bene izo nyandiko.

CHAPTER V: REGISTRATION AND RECORDS

Article 18: Identification of gaming machines and gambling devices

A gaming machine or gaming device imported into Rwanda must have an identification plate specifying at least the following:

- 1° the name of the manufacturer;
- 2° a unique serial number of the machine or device;
- 3° the date of manufacture of the machine or device.

No person shall remove, alter, disfigure, obscure or destroy identification mechanism that is required in accordance with this Article.

No person other than a licence holder shall import into the Country any gaming machine or gaming device.

Article 19: Declaration of a registered asset and its transfer

The licence holder must keep a record in the prescribed manner and form of every gaming machine or gaming device that he/she acquires, sells or otherwise distributes within the Country and provide the regulatory authority with copies of such records.

CHAPITRE V: ENREGISTREMENT ET DONNEES A ENREGISTRER

Article 18: Identification des machines et outils de jeux de hasard

Une machine ou un outil de jeux de hasard importé au Rwanda doit porter une plaque d'identification comprenant au moins les indications ci-après:

- 1° le nom du fabricant;
- 2° un numéro de série spécifique à la machine ou à l'outil;
- 3° la date de fabrication de la machine ou de l'outil.

Personne ne doit enlever, modifier, altérer, cacher ou détruire les éléments d'identification exigés en vertu du présent article.

Excepté le détenteur d'une licence, personne ne doit importer dans le pays une machine ou un outil de jeux de hasard.

Article 19: Déclaration de propriété enregistrée et son transfert

Le détenteur d'une licence doit garder les données de la manière et dans la forme prescrites sur toute machine de jeux de hasard ou outil de jeux de hasard qu'il acquiert, vend ou autrement distribue sur le territoire national et doit fournir de telles données à l'autorité de régulation.

Uwahawe uruhushya wifuza guhererekanya umutungo wanditse w'imashini cyangwa igikoresho cy'imikino y'amahirwe n'undi muntu agomba kumenyesha urwego ngenzuramikorere mu buryo bwagenwe icyahindutse ku mutungo w'yo mashini cyangwa igikoresho.

The licence holder who proposes to transfer registered assets of a gaming machine or gaming device to another person must in the prescribed manner and form and notify the regulation authority of the change of assets of that machine or device.

Le détenteur d'une licence qui propose de transférer la propriété enregistrée d'une machine de jeux de hasard ou d'un outil de jeux de hasard à une autre personne doit notifier l'autorité de régulation de ce changement de propriété sur la machine ou l'outil selon la manière et la forme prescrites.

Umuntu wifuza gukodesha cyangwa guhererekanya umutungo w'imashini y'imikino y'amahirwe cyangwa igikoresho cy'imikino y'amahirwe n'undi muntu akagumana uburenganzira ahabwa nitegeko kuri iyo mashini cyangwa igikoresho, agomba kubimenyesha urwego ngenzuramikorere mu buryo bwagenwe.

A person who proposes to lease, or transfer possession of a gaming machine or gaming device to another person, while retaining legal title to that machine or device, must notify in the prescribed manner and form the regulatory authority.

Une personne qui propose de louer ou de transférer à une autre personne la possession d'une machine de jeux de hasard ou d'un outil de jeux de hasard en gardant le titre juridique sur ladite machine ou ledit outil, doit en informer l'autorité de régulation selon la manière et la forme prescrites.

Utunze imashini y'imikino y'amahirwe cyangwa igikoresho cy'imikino y'amahirwe wanditswe usubiranye iyo mashini cyangwa igikoresho kivuye k'ukodesha cyangwa undi muntu wari waragihawe mu buryo bw'iherekanya hakurikijwe ibiteganywa n'iyi ngingo, agomba kumenyesha urwego ngenzuramikorere ko yasubiranye imashini y'imikino y'amahirwe cyangwa igikoresho cy'imikino y'amahirwe.

The registered owner of a gaming machine or gaming device who repossesses that machine or device from a lessee or other person to whom possession had been transferred to in accordance with this Article, must notify the regulatory authority that the machine or device has been repossessed.

Le propriétaire d'une machine ou d'un outil de jeux de hasard enregistré qui reprend possession de ladite machine ou dudit outil d'un locataire ou d'une autre personne dont la possession avait été transférée en vertu du présent article, doit notifier l'autorité de régulation que la machine ou l'outil est rentré dans sa possession.

Umuntu ntasabwe kumenyesha, hashingiwe ku bivugwa muri iyi ngingo, mbere yo guhererekanya imashini y'imikino y'amahirwe cyangwa igikoresho cy'imikino y'amahirwe n'undi muntu ku mpamvu gusa zo:

No person is required to give information in accordance with this Article before transferring a gaming machine or gaming device to another person solely for purpose of:

Personne n'est obligée, en vertu du présent article, de donner l'information avant de transférer une machine ou un outil de jeux de hasard à une autre personne dans le seul but de:

1° kukivana hamwe ukijyana ahandi;

2° kugikoraho imirimo ya ngombwa yo kucyitaho cyangwa kugisana.

1° transporting it from one place to another;

2° performing essential maintenance or repairing work on it.

1° le transporter d'un endroit à un autre;

2° faire des travaux essentiels de maintenance ou de réparation de cette machine ou cet outil de jeux de hasard.

Ikodesha cyangwa ihererekanya ry'imitungire y'imashini y'imikino y'amahirwe cyangwa igikoresho cy'imikino y'amahirwe rishoboka gusa mu gihe:

1° uwifuje ihererekanya ari we nyir'imashini cyangwa igikoresho cyanditse;

2° uwo bagomba kubiherekanya:

a) afite uruhushya ry'uwagikoze rugifite agaciro, uwacurujye cyangwa utanga serivisi yo kwita ku bikoresho rumwemerera gutunga icyo cyiciro cy'imashini cyangwa igikoresho cy'imikino y'amahirwe;

b) afite uruhushya rufite agaciro rwo kwiyemeza gukora imikino y'amahirwe cyangwa gushyiraho ibikorwa by'imikino y'amahirwe birimo ibyo muri urwo rwego rw'imashini cyangwa igikoresho cy'imikino y'amahirwe.

UMUTWE WA VI: AMATEGEKO Y'IMIKINO Y'AMAHIRWE

Icyiciro cya mbere: Tombola

Ingingo ya 20: Guha impushya abatangiza tombola ku rwego rw'Igihugu

Umuntu wese wifuza gutangiza cyangwa gukoresha za tombola ku rwego rw'Igihugu

The lease or transfer of a gaming machine or gaming device may only take place if:

1° the one who proposes the transfer is the registered owner of that machine or device;

2° the proposed transferee:

a) holds a valid licence from the manufacturer, supplier or maintenance services provider permitting him/her to possess that category of gaming machine or gambling device;

b) holds a valid licence to engage in or conduct gaming or to make available gaming activities that include the operation of that category of gaming machine or gambling device.

CHAPTER VI: REGULATION OF THE GAMING

Section One: Lottery

Article 20: Licensing the promoters of national lotteries

Every person who wishes to promote or conduct national lottery shall apply for a licence in

La location ou le transfert d'une machine ou d'un outil de jeux de hasard est admise seulement si:

1° la personne qui propose le transfert est le propriétaire enregistré de cette machine ou de cet outil;

2° le cessionnaire proposé:

a) détient une licence valide du fabricant, du fournisseur ou du fournisseur des services de maintenance lui permettant de posséder cette catégorie de machine ou outil de jeux de hasard;

b) détient une licence valide de s'engager ou d'exploiter des jeux de hasard ou de rendre disponibles les activités de jeux de hasard qui comprennent l'exploitation de cette catégorie de machine ou d'outil de jeux de hasard.

CHAPITRE VI: REGLEMENTATION DES JEUX DE HASARD

Section première: Loterie

Article 20: Octroi de licence aux promoteurs de loteries nationales

Toute personne désirant promouvoir ou exploiter des activités de loterie nationale doit demander

<p>abisabira uruhushya hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.</p>	<p>accordance with the provisions of this Law.</p>	<p>une licence conformément aux dispositions de la présente loi.</p>
<p><u>Ingingo ya 21:</u> Itangwa ry'impushya n'ibyemezo ku bundi bwoko bwa tombola</p>	<p><u>Article 21:</u> Issuance of licence and permit for other forms of lotteries</p>	<p><u>Article 21:</u> Octroi de licence et de permis pour d'autres formes de loteries</p>
<p>Urwego ngenzuramikorere rushobora gutanga uruhushya cyangwa icyemezo rwemera itangizwa cyangwa ikorwa ry'ubundi bwoko bwa tombola ku mpamvu zinyuranye zirimo:</p>	<p>The regulatory authority may issue a licence or permit authorizing the promotion or conduct of other forms of lottery for various purposes including:</p>	<p>L'autorité de régulation peut octroyer une licence ou un permis autorisant la promotion ou la conduite d'autres formes de loteries pour divers objectifs dont:</p>
<p>1° gukusanya amafaranga ajyana na serivisi zerekeye imibereho myiza, ubuzima bwiza bwa rubanda, imfashanyo mu gihe cy'ingorane cyangwa ku mpamvu zo gukunda Igihugu;</p> <p>2° gutanga aho imyidagaduro cyangwa imikino y'amahirwe bikorerwa;</p> <p>3° gukora mu buryo budahoraho izindi tombola ntoya, igihe byemejwe n'urwego rubishinzwe.</p>	<p>1° raising funds for social services, public welfare, relief of distress or patriotic purposes;</p> <p>2° providing recreational or gaming facilities;</p> <p>3° conducting other small lotteries from time to time as approved by the competent authority.</p>	<p>1° collecter les fonds pour des services sociaux, bien être social, assistance en cas de détresse ou pour des raisons patriotiques;</p> <p>2° fournir des facilités de récréation ou de jeux de hasard;</p> <p>3° organiser d'autres petites loteries de temps en temps, en cas d'approbation par l'autorité compétente.</p>
<p><u>Ingingo ya 22:</u> Kwemerera andi moko ya za tombola</p>	<p><u>Article 22:</u> Authorizing other types of lotteries</p>	<p><u>Article 22:</u> Autoriser d'autres formes de loteries</p>
<p>Urwego ngenzuramikorere rushobora kwemerera itangira ry'andi moko ya tombola n'uburyo ashobora gukorwamo.</p>	<p>The regulatory authority may authorize the promotion of other types of lotteries and the manner in which they may be conducted.</p>	<p>L'autorité de régulation peut autoriser l'introduction d'autres formes de loteries et la manière dont ces loteries peuvent être conduites.</p>
<p>Urwego ngenzuramikorere rugena kandi amafaranga n'imisanzu bishobora kwishyurwa mu bigendanye na bene izo tombola.</p>	<p>The regulatory authority may also determine fees and levies that may be paid in respect of any such lotteries.</p>	<p>L'autorité de régulation détermine également les frais et charges pouvant être payés en rapport avec ces types de loteries.</p>
<p>Tombola ishobora gutangizwa kandi igakorwa mu</p>	<p>A lottery may be promoted and conducted on</p>	<p>Une loterie peut être promue et organisée au nom</p>

izina ry'inzego za Leta cyangwa mu izina ry'imiryango itari iya Leta kubera zimwe mu mpamvu zikurikira:

- 1° impamvu z'ubugiraneza zijyanye no gukusanya amafaranga ku bwa serivisi y'imibereho myiza, ubuzima bwiza bw'abatwari, imfashanyo mu gihe cy'ingorane cyangwa ku mpamvu zo gukunda Igihugu;
- 2° kwitabira cyangwa gushyigikira imikino ngororangingo cyangwa ibikorwa ndangamuco;
- 3° impamvu idasobanuwe mu gace ka mbere cyangwa aka 2° ariko itagamije indonke y'umuntu ku giti cye cyangwa se impamvu y'umushinga w'ubucuruzi, kandi itangizwa kugira ngo hakusanywe amafaranga yo gukoresha ku nyungu z'isoyete.

Ibisabwa bikurikira bigomba kurebwa mu bigendanye no gutangiza no gukora bene izo tombola:

- 1° igiciro cya buri tike cyangwa amahirwe kigomba kuba ari kimwe, kandi igiciro cy'itike cyanditse ku itike;
- 2° buri tike na buri tangazo cyangwa iyamamaza rya tombola itanzwe, yerekanwe cyangwa yamamajwe mu buryo bukurikije itegeko yerekana izina ry'isoyeti, izina ry'uwatangiye n'aho abarizwa kimwe n'itariki tombola izaberaho, igena cyangwa igikorwa

behalf of public institutions or non-government organisations for the following reasons:

- 1° charitable purposes which is intended to raise funds for social services, public welfare, relief of distress or patriotic purposes;
- 2° participation in or support of athletic sports or cultural activities;
